

ITEKA RYA PEREZIDA N°65/01 RYO KU WA 04/03/2014 RIGENA UBURYO BWO GUTANGA IBIHANO KU BAKOZI BA LETA BAKOZE AMAKOSA MU KAZI

PRESIDENTIAL ORDER N°65/01 OF 04/03/2014 DETERMINING MODALITIES OF IMPOSING DISCIPLINARY SANCTIONS TO PUBLIC SERVANTS

ARRETE PRESIDENTIEL N°65/01 DU 04/03/2014 PORTANT MODALITES D'APPLICATION DU REGIME DISCIPLINAIRE AUX AGENTS DE L'ETAT

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DE MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere: : icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Abagengwa n'iri teka

Article 2: Scope of application

Article 2: Champ d'application

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Article 3: Interpretation of terms

Article 3: Définition des termes

UMUTWE WA II: IBISHINGIRWAHO MU
GUHANA IKOSA RYO MU KAZI

CHAPTER II: CONDITIONS TO IMPOSE
A DISCIPLINARY SANCTION

CHAPITRE II: CONDITIONS POUR
IMPOSER UNE SANCTION
DISCIPLINAIRE

Icyiciro cya mbere: Amahame agenga
imihanire

Section One: Disciplinary regulation
principles

Section première: Principes du régime
disciplinaire

Ingingo ya 4: Amahame agenga uburyo bwo
guhana ikosa ryo mu kazi

Article 4: Disciplinary regime principles

Article 4: Principes régissant l'imposition
d'une faute disciplinaire

Icyiciro cya 2: Uburemere bw'ikosa

Section 2: Gravity of a disciplinary fault

Section 2: Gravité de la faute disciplinaire

Ingingo ya 5: Gupima uburemere bw'ikosa

Article 5: Determining the gravity of a fault

Article 5: Détermination de la gravité d'une
faute

Ingingo ya 6: Impamvu zoroshya uburemere

Article 6: Mitigating circumstances

Article 6: Circonstances atténuantes

bw'ikosa

Ingingo ya 7: Impamvu zongera uburemere bw' ikosa

Article 7: Aggravating circumstances

Article 7 : Circonstances aggravantes

UMUTWE WA III: AMAKOSA YO MU KAZI N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'AKAZI BIJYANA

CHAPTER III: DISCIPLINARY FAULTS AND THEIR CORRESPONDING SANCTIONS

CHAPITRE III : FAUTES DISCIPLINAIRES ET SANCTIONS CORRESPONDANTES

Icyiciro cya mbere: Inzego z'ibihano byo mu rwego rw'akazi

Section One: Categories of disciplinary sanctions

Section première : Catégories des sanctions disciplinaires

Ingingo ya 8: Ibihano byo mu rwego rwa mbere

Article 8: Sanctions of the first category

Article 8 : Sanction de la première catégorie

Ingingo ya 9: Ibihano byo mu rwego rwa kabiri

Article 9: Sanctions of the second category

Article 9 : Sanctions de la deuxième catégorie

Icyiciro cya 2: Ibihano byo mu rwego rwa mbere n'amakosa ajyana nabyo

Section 2: Sanctions of the first category and their corresponding disciplinary faults

Section 2: Sanctions de la première catégorie et les fautes correspondantes

Ingingo ya 10: Amakosa ahanishwa igihano cyo kwihanangirizwa mu rwego rw'akazi

Article 10: Disciplinary faults sanctioned by a Warning

Article 10: Fautes disciplinaires sanctionnées par un avertissement

Ingingo ya 11: Amakosa ahanishwa igihano cyo kugawa

Article 11: Disciplinary faults sanctioned by a Reprimand

Article 11: Fautes disciplinaires sanctionnées par le blâme

Icyiciro cya 3: Ibihano byo mu rwego rwa kabiri n'amakosa ajyana nabyo

Section 3: Disciplinary faults of the second category and their corresponding sanctions

Section 3: Fautes disciplinaires de la deuxième catégorie et les sanctions correspondantes

Ingingo ya 12: Amakosa ahanishwa igihano cyo gukererezwa kuzamurwa mu ntera

Article 12: Disciplinary faults sanctioned by delay in promotion

Article 12: Fautes disciplinaires sanctionnées par le retard à la promotion

Ingingo ya 13: Amakosa ahanishwa igihano cyo guhagarikwa ku kazi mu gihe kitarenze amezi atatu (3) adahemberwa

Article 13: Disciplinary suspension for a period of three (3) months maximum without pay

Article 13 : Suspension disciplinaire pour une période de trois (3) mois au maximum sans être payé

<u>Ingingo ya 14:</u> Amakosa ahanishwa igihano cyo kwirukanwa burundu ku kazi	<u>Article 14:</u> Disciplinary faults sanctioned by dismissal	<u>Article 14:</u> Fautes disciplinaires sanctionnées par la révocation
<u>Icyiciro cya 4:</u> Andi makosa yo mu kazi atagaragara muri iri teka.	<u>Section 4:</u> Other disciplinary faults not provided for by this Order	<u>Section 4:</u> Autres fautes disciplinaires non prévues par cet arrêté
<u>Article 15:</u> Kugena ibindi bikorwa bifatwa nk'amakosa yo mu rwego rw'akazi	<u>Article 15:</u> Establishing other acts or conducts as disciplinary faults	<u>Article 15:</u> Qualification d'autres actes ou conduites comme fautes disciplinaires
<u>Ingingo ya 16:</u> Amakosa akorwa mu imenyekanishamutungo	<u>Article 16:</u> Faults relating to declaration of property	<u>Article 16:</u> Fautes relatives à la déclaration du patrimoine
UMUTWE WA IV: UBURYO BUKURIKIZWA MU MIHANIRE Y'AMAKOSA	CHAPTER IV: DISCIPLINARY REGULATIONS PROCEDURE	CHAPITRE IV: PROCEDURE APPLICABLE EN MATIERE DE REGIME DISCIPLINAIRE
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Ububasha bwo guhana umukozi	<u>Section One:</u> Competence to impose a disciplinary sanction	<u>Section première:</u> Compétence pour infliger une sanction disciplinaire
<u>Ingingo ya 17:</u> Umuyobozi ufite ububasha bwo guhana	<u>Article 17:</u> Competent authority to impose a disciplinary sanction	<u>Article 17:</u> Autorité compétente pour infliger une sanction disciplinaire
<u>Icyiciro cya 2:</u> Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa	<u>Section 2:</u> Internal disciplinary committee	<u>Section 2:</u> Comité interne chargé de la discipline
<u>Ingingo ya 18:</u> Ishyirwaho ry'akanama gashinzwe gukurikirana amakosa	<u>Article 18:</u> Establishment of internal disciplinary committee	<u>Article 18:</u> Mise en place d'un comité interne chargé de la discipline
<u>Ingingo ya 19:</u> Inshingano z'akanama gashinzwe gukurikirana amakosa	<u>Article 19:</u> Attributions of internal disciplinary committee	<u>Article 19:</u> Attributions du Comité de discipline
<u>Icyiciro cya 3:</u> Gukurikirana ikosa ry'umukozi wa Leta	<u>Section 3:</u> Administrative proceedings for a disciplinary fault	<u>Section 3:</u> Poursuite administrative pour faute disciplinaire

Official Gazette n° Special of 06/03/2014

<u>Ingingo ya 20:</u> Kumenyekanisha ikosa	<u>Article 20:</u> Denunciation of a disciplinary fault	<u>Article 20 :</u> Dénonciation de la faute disciplinaire
<u>Ingingo ya 21:</u> Kwisobanura	<u>Article 21:</u> Means of defence	<u>Article 21:</u> Explications sur les faits reprochés
<u>Ingingo ya 22:</u> Gukurikirana no guhana ikosa	<u>Article 22:</u> Proceedings over a disciplinary fault	<u>Article 22:</u> Poursuite et sanction d'une faute
<u>Ingingo ya 23:</u> Ihagarikwa ry'agateganyo mu gihe cy'iperereza	<u>Article 23:</u> Suspension during the investigation	<u>Article 23:</u> Suspension par mesure d'ordre
<u>Icyiciro cya 4:</u> Uburyo bwo gutanga igihano	<u>Section 4:</u> Modalities of imposing sanctions	<u>Section 4:</u> Modalités d'infliger les sanctions
<u>Ingingo ya 24:</u> Ibaruwa y'igihano	<u>Article 24:</u> Letter of sanction	<u>Article 24:</u> Lettre de sanction
<u>Ingingo ya 25:</u> Ibyubahirizwa mu gutanga igihano cyo gukererezwa kuzamurwa mu ntera	<u>Article 25:</u> Modalities concerning the sanction of delay in promotion	<u>Article 25:</u> Modalités liées à la sanction du retard à l'avancement
<u>Ingingo ya 26:</u> Ibyubahirizwa bijyana n'igihano cyo guhagarikwa by'agateganyo mu gihe kitarenze amezi atatu (3) adahemberwa	<u>Article 26:</u> Modalities concerning suspension for a period of three (3) months maximum without pay	<u>Article 26:</u> Modalités liées à la sanction de suspension pour une période de trois (3) mois maximum sans être payé
<u>Ingingo ya 27:</u> Ibyubahirizwa bijyana n'igihano cyo kwirukanwa burundu ku kazi	<u>Article 27:</u> Modalities concerning the sanction of dismissal	<u>Article 27:</u> Modalités liées à la sanction de révocation
<u>Ingingo ya 28:</u> Ubwishyu mu gihe cy'igihano kijyanye n'ikosa ryo kwangiza cyangwa guta igikoresho	<u>Article 28:</u> Compensation in case of disciplinary sanction based on the loss or damaging of office equipment	<u>Article 28:</u> Remboursement en cas de sanction disciplinaire relative à la perte ou endommagement du matériel de travail
<u>Ingingo ya 29:</u> Uburyo bwo guhana impurirane y'amakosa yo mu kazi	<u>Article 29:</u> Modalities of imposing a sanction in case of concurrence of disciplinary faults	<u>Article 29:</u> Modalités d'infliger une sanction en cas de concours de fautes disciplinaires
<u>Ingingo 30:</u> Uburyo bwo guhana umukozi watijwe indi serivisi ya Leta	<u>Article 30:</u> Modalities of sanctioning a public servant placed at another administration's disposal	<u>Article 30</u> Modalités de sanctionner un agent de l'Etat mis à la disposition d'un autre service

Official Gazette n° Special of 06/03/2014

<u>Icyiciro cya 5:</u> Ubujurire mu nzego z'ubuyobozi no kuregera inkiko	Section 5: Administrative appeal and filing a case in court	Section 5: Recours administratif et juridictionnel
<u>Ingingo ya 31:</u> Uburenganzira bwo kujurira bw'umukozi wa Leta	Article 31: Right of a public servant to appeal	Article 31: Droit de recours
<u>Ingingo ya 32:</u> Gusaba umuyobozi gusubira ku cyemezo cy'igihano	Article 32: Request to the authority that imposed the sanction for review of the decision	Article 32: Recours gracieux contre la décision de sanction
<u>Ingingo ya 33:</u> Kujuririra Komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta	Article 33: Appealing to the Public Service Commission	Article 33: Recours hiérarchique devant la Commission de la Fonction Publique
<u>Ingingo ya 34:</u> Kuregera inkiko	Article 34: Filing a case in court	Article 34: Recours juridictionnel
<u>UMUTWE WA V:</u> GUHANAGURWAHO UBUSEMBWA N'UBUSAZE BW'IKOSA RYO MU KAZI	CHAPTER V: REHABILITATION AND PRESCRIPTION OF A DISCIPLINARY FAULT	CHAPITRE V: REHABILITATION ET PRESCRIPTION DE LA FAUTE DISCIPLINAIRE
<u>Ingingo ya 35:</u> Ihanagurabusembwa	Article 35 Rehabilitation	Article 35: Réhabilitation
<u>Ingingo ya 36:</u> Umuyobozi ufite ububasha bwo gutanga ihanagurabusembwa	Article 36: Competent authority to grant rehabilitation	Article 36: Autorité compétente pour accorder une réhabilitation
<u>Ingingo ya 37:</u> Ibyubahirizwa mu gutanga ihanagurabusembwa	Article 37: Requirements to grant rehabilitation	Article 37: Conditions pour accorder une réhabilitation
<u>Ingingo ya 38:</u> Uburenganzira bukomoka ku ihanagurabusembwa	Article 38: Rights established by rehabilitation	Article 38: Droits établis par la réhabilitation
<u>Ingingo ya 39:</u> Ubusaze bw'ikosa ryo mu kazi	Article 39: Prescription of a disciplinary fault	Article 39: Prescription de la faute disciplinaire
<u>UMUTWE WA VI :</u> INGINGO ZISOZA	CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS	CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES
<u>Ingingo ya 40:</u> Abashinzwe gushyira mu	Article 40: Authorities responsible for the	Article 40: Autorités chargées de l'exécution

Official Gazette n° Special of 06/03/2014

bikorwa iri teka

implementation of this Order

du présent arrêté

Ingingo ya 41: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 41: Repealing Provision

Article 41 : Disposition abrogatoire

Ingingo ya 42: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 42: Commencement

Article 42 : Entrée en vigueur

Official Gazette n° Special of 06/03/2014

ITEKA RYA PEREZIDA N°65/01 RYO KU WA04/03/2014 RIGENA UBURYO BWO GUTANGA IBIHANO KU BAKOZI BA LETA BAKOZE AMAKOSA MU KAZI

PRESIDENTIAL ORDER N°65/01 OF 04/03/2014 DETERMINING MODALITIES OF IMPOSING DISCIPLINARY SANCTIONS TO PUBLIC SERVANTS

ARRETE PRESIDENTIEL N° 65/01 DU PORTANT MODALITES D'APPLICATION DU REGIME DISCIPLINAIRE AUX AGENTS DE L'ETAT

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repbulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repbulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 113, iya 121, iya 181, n'ya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 112, 113, 121, 181 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 112, 113, 121, 181 et 201;

Dushingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Sitati Rusange igenga Abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 82 n'ya 99;

Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the General Statutes for Public Service, especially in Articles 82 and 99;

Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant Statut Général de la Fonction Publique, spécialement en ses articles 82 et 99;

Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo ;

On proposal by the Minister of Public Service and Labour;

Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail ;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 23/10/2013 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 23/10/2013;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 23/10/2013 ;

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:

HAVE ORDERED AND HEREBY ORDER:

AVONS ARRETE ET ARRETONS :

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: : Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Official Gazette n° Special of 06/03/2014

Iri teka rigena uburyo bwo gutanga ibihano ku bakozi ba Leta bakoze amakosa mu kazi.

This Order determines modalities of imposing disciplinary sanctions to public servants.

Le présent arrêté détermine les modalités d'application du régime disciplinaire aux agents de l'Etat.

Ingingo ya 2 : Abagengwa n'iri teka

Article 2: Scope of application

Article 2 : Champ d'application

Iri teka rireba abakozi ba Leta bose uretse abagengwa n'amategeko ateganya ukundi uburyo bw'imihanire.

This Order shall apply to all public servants except those governed by laws providing for otherwise disciplinary regime.

Le présent arrêté s'applique à tous les agents de l'Etat, excepté ceux qui sont régis par des lois qui disposent autrement quant à leur régime disciplinaire.

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Article 3: Definitions

Article 3 : Définitions

Muri iri teka amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

Under this Order, the following terms shall have the following meanings:

Dans le présent arrêté, les termes ci-après ont les significations suivantes :

1° **Ikosa ryo mu kazi:** igikorwa cyakozwe cyangwa kitakozwe, cyangwa imyitwarire y'umukozi wa Leta bitubahiriza cyangwa binyuranya n'inshingano z'umukozi mu rwego rw'akazi.

1° **disciplinary fault:** an act, an omission, or a conduct of a public servant which manifests itself as a breach of his/her professional obligations.

1° **Faute disciplinaire :** un acte, une omission ou une conduite d'un agent de l'Etat qui se manifeste en un manquement à ses obligations professionnelles.

2° **Igihano cyo mu kazi:** icyemezo cyo mu rwego rw'akazi gifatirwa umukozi wakosheje kigamije kumukosora no kumukangurira kubahiriza inshingano z'akazi.

2° **Disciplinary sanction:** administrative decision taken against a public servant who committed a disciplinary fault in view of correcting him/her and urging him/her to abide by professional obligations.

2° **Sanction disciplinaire :** décision administrative prise contre l'agent de l'Etat qui a commis une faute disciplinaire en vue de le corriger et l'inciter à respecter les obligations professionnelles.

3° **Komisiyo:** Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta.

3° **Commission:** Public Service Commission.

3° **Commission :** Commission de la Fonction Publique.

4° **Minisitiri:** Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze.

4° **Minister:** Minister in charge of public service.

4° **Ministre :** Ministre ayant la fonction publique dans ses attributions.

UMUTWE WA II: IBISHINGIRWAHO MU GUHANA IKOSA RYO MU KAZI

CHAPTER II: CONDITIONS FOR IMPOSING A DISCIPLINARY SANCTION

CHAPITRE II: CONDITIONS POUR IMPOSER UNE SANCTION DISCIPLINAIRE

Icyiciro cya mbere: Amahame agenga imihanire

Section One: Disciplinary regime principles

Section première: Principes du régime disciplinaire

Ingingo ya 4: Amahame agenga uburyo bwo guhana ikosa ryo mu kazi

Article 4: Principles governing infliction of a disciplinary fault

Article 4: Principes régissant l'imposition d'une faute disciplinaire

Gukurikirana ikosa no guhana umukozi warikoze bigomba kubahiriza amahame akurikira:

Investigations of a disciplinary fault and imposing a related sanction must be in respect of the following principles:

L'investigation d'une faute disciplinaire et l'imposition d'une sanction correspondante doivent respecter les principes suivants :

1° umukozi ukurikiranyweho ikosa akomeza kubahirwa uburenganzira bwe ntayegayezwa nk'umuntu;

1° the public servant alleged to have committed a disciplinary fault shall continue being respected for his/her inalienable rights as a human being;

1° l'agent de l'Etat poursuivi pour une faute disciplinaire continue à jouir du respect lié à tous ses droits inaliénables en tant qu'être humain;

2° gukurikirana ikosa ry'umukozi no kumuhana bikorwa mu nyandiko;

2° the disciplinary proceeding shall be conducted in writing;

2° la procédure disciplinaire est écrite;

3° nta kosa na rimwe umukozi ashobora guhanirwa atabanje guhabwa umwanya wo kuryisobanuraho mu nyandiko;

3° no disciplinary sanction can be imposed without prior consideration of the written means of defense of the public servant;

3° aucune sanction disciplinaire ne peut être imposée à l'agent de l'Etat sans avoir examiné ses moyens de défense présentés par écrit;

4° ikosa ryo mu kazi rihanwa hashingiwe ku buremere bwaryo;

4° the sanction for a disciplinary fault shall be based on its gravity;

4° la sanction d'une faute disciplinaire se fait selon sa gravité ;

5° ikosa cyangwa igihano byo mu kazi ntibibangamira cyangwa ngo bibangamirwe n'uburyozwe n'uburyo bwo gukurikirana icyaha cyangwa ikosa biteganywa n'amategeko ahana cyangwa

5° a disciplinary fault and sanction shall be independent from the criminal or civil liabilities and related proceedings;

5° la faute et la sanction disciplinaire sont indépendantes de la responsabilité pénale et civile ainsi que des procédures y relatives ;

agenga uburyoze bw'indishyi;

6° nta mukozi ushobora guhanirwa inshuro irenze imwe ikosa rimwe yakoze rimwe mu rwego rw'akazi.

7° uburyozwe bw'ikosa ryo mu kazi ni gatozi ku warikoze;

8° gukurikirana ikosa no guhana umukozi bikorwa mu mucyo, nta kubogama cyangwa gutonesha uko ari ko kwose.

6° no public servant shall be sanctioned more than once for the same disciplinary fault;

7° the liability of a disciplinary fault shall be personal;

8° the disciplinary proceeding shall be conducted in a clear way, with due transparency and impartiality.

6° aucun agent de l'Etat ne peut être sanctionné plus d'une fois du chef de la même faute disciplinaire;

7° la responsabilité de la faute disciplinaire est personnelle;

8° la procédure disciplinaire est faite en toute clarté et avec plus de transparence et d'impartialité.

Icyiciro cya 2: Uburemere bw'ikosa

Section 2: Gravity of a disciplinary fault

Section 2 : Gravité de la faute disciplinaire

Ingingo ya 5: Gupima uburemere bw'ikosa

Article 5: Determining the gravity of a fault

Article 5 : Détermination de la gravité d'une faute

Uburemere bw'ikosa ryo mu kazi bupimwa hitawe ku buryo ryabayemo n'ingaruka zaryo.

The gravity of a disciplinary fault shall be determined by taking into account the circumstances in which it was committed and the related consequences.

La gravité d'une faute disciplinaire est déterminée en fonction des circonstances de sa commission et les conséquences qui en découlent.

Hashingiwe ku mpamvu zoroshya cyangwa zongera uburemere bw'ikosa ziteganyijwe mu ngingo ya 6 n'iya 7 z'iri teka, umuyobozi ubifitiye ububasha ashobora gukuriraho umukozi wakosheje igihano, kumuha igihano gito cyangwa igisumba igiteganyirijwe ikosa.

Basing on circumstances that mitigate or aggravate the gravity of a fault as provided for in Articles 6 and 7 of this Order, the competent authority may remove a sanction or impose a less or more serious sanction than the sanction provided for the fault.

En se basant sur les circonstances atténuantes ou aggravantes de la faute prévues aux articles 6 et 7 du présent arrêté, l'autorité compétente peut lever la sanction ou imposer une sanction inférieure ou supérieure à celle qui est prévue pour la faute.

Umuyobozi ufite ububasha bwo gutanga igihano aha agaciro impamvu zoroshya cyangwa zongera uburemere bw'ikosa, ari izaribanjirije, ari izariherekeje cyangwa izarikurikiye.

The competent authority, to impose a disciplinary sanction, shall consider appropriateness of mitigating or aggravating circumstances which preceded, accompanied or followed a fault.

L'autorité compétente pour imposer une sanction disciplinaire apprécie les circonstances atténuantes ou aggravantes qui ont précédé, accompagné ou suivi la faute.

Gushingira ku mpamvu zoroshya cyangwa zongera uburemere bw'ikosa mu gutanga igihano no kugena igihano gikwiranye n'iryo kosa bigomba gusobanurwa mu nyandiko y'igihano ihabwa umukozi.

Ingingo ya 6: Impamvu zoroshya uburemere bw'ikosa

Hashingiwe ku isesengura ryakozwe kandi rifitiwe ibimenyetso bifatika, uburemere bw'ikosa bushobora kugabanywa n'impamvu imwe cyangwa irenze imwe muri izi mpamvu zikurikira:

- 1° iyo ari ubwa mbere umukozi akosheje mu rwego akorera, kandi yari asanzwe agaragaza imyitwarire myiza no kuba intangarugero mu kazi, kandi hagaragazwa ibimenyetso bifatika by'uko ikosa ryamugwiririyeye;
- 2° iyo mbere yo gukurikiranwa, umukozi ahise yirega agasaba imbabazi ku ikosa yakoze;
- 3° iyo igikorwa cyangwa imyitwarire byabyaye ikosa byatewe ku buryo budashidikanywaho n'uko umukozi yasembuwe bikomeye n'uwatumye akosa.

Consideration of mitigating or aggravating circumstances related to a disciplinary fault and the corresponding sanction must be justified in the letter of disciplinary sanction.

Article 6: Mitigating circumstances

In accordance with an analysis backed with proof, the gravity of a disciplinary fault may be mitigated by one or several of the following circumstances:

- 1° it is the first time the alleged public servant commits a disciplinary fault within his/her institution whereas he/she usually distinguishes himself/herself by acts of good behavior and serves as good example at work, and is proved that the fault occurred without bad faith;
- 2° before the commencement of the disciplinary proceeding, the public servant pleads guilty and requests for a pardon;
- 3° an act or conduct that resulted into a fault has been triggered by serious provocation from another person.

La considération des circonstances atténuantes ou aggravantes liées à la faute ainsi que la sanction correspondante doivent être motivées dans la lettre de la sanction disciplinaire.

Article 6 : Circonstances atténuantes

En considération d'une analyse appuyée par des preuves tangibles, la gravité de la faute peut être atténuée par l'une ou plusieurs des circonstances suivantes :

- 1° c'est la première fois que l'agent de l'Etat commet une faute dans son institution de travail, alors qu'il a normalement fait preuve d'une bonne conduite et a un caractère professionnel exemplaire; et qu'il est prouvé que la faute lui est survenue sans mauvaise foi;
- 2° avant le déclenchement des poursuites disciplinaires, l'agent de l'Etat plaide coupable et demande pardon pour la faute commise;
- 3° l'acte ou la conduite qui ont généré la faute résulte d'une provocation avérée de la part d'une autre personne.

Ingingo ya 7: Impamvu zongera uburemere bw' ikosa

Hashingiwe ku isesengura ryakozwe kandi rifitiwe ibimenyetso bifatika, uburemere bw' ikosa bushobora kongerwa n' impamvu imwe cyangwa irenze imwe muri izi zikurikira:

- 1° isubirakosa ribaye mu gihe kitarenze umwaka umwe (1);
- 2° impurirane y' amakosa yo mu rwego rw' akazi;
- 3° ikosa ryakozwe rigatera ingaruka mbi zibangamira inyungu rusange ku buryo budasanzwe;
- 4° kuba hari ibimenyetso bifatika kandi bidashidikanywaho byerekana ko habaye gucura umugambi no kugambirira gukora ikosa;
- 5° ikosa ryo mu kazi ryakozwe n' abakozi barenze umwe bashyize hamwe;
- 6° ikosa ryakozwe n' umukozi ushinzwe kuyobora abandi.

Article 7: Aggravating circumstances

In accordance with an analysis backed with proofs, the gravity of a disciplinary fault may be aggravated by one or several of the following circumstances:

- 1° recidivism occurred within the period of one (1) year;
- 2° concurrence of several disciplinary faults;
- 3° the committed fault is likely to have a serious negative impact on public interest;
- 4° serious proved conspiracy and premeditation to commit a fault;
- 5° the fault has been jointly committed by more than one public servant;
- 6° the fault has been committed by a public servant in charge of other public servants.

Article 7 : Circonstances aggravantes

En considération d' une analyse justifiée par des preuves, la gravité de la faute disciplinaire peut être aggravée par l' une ou plusieurs des circonstances suivantes :

- 1° récidive au cours de la période d' une (1) année ;
- 2° concours de plusieurs fautes disciplinaires ;
- 3° la faute commise a un impact grossièrement négatif sur l' intérêt général;
- 4° existence de preuves tangibles de conspiration et de préméditation de commettre une faute ;
- 5° la faute a été commise conjointement par plus d' un agent de l' Etat;
- 6° la faute a été commise par un agent ayant les autres agents de l' Etat sous sa responsabilité.

UMUTWE WA III: AMAKOSA YO MU KAZI N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'AKAZI BIJYANA

CHAPTER III: DISCIPLINARY FAULTS AND THEIR CORRESPONDING SANCTIONS

CHAPITRE III : FAUTES DISCIPLINAIRES ET SANCTIONS CORRESPONDANTES

Icyiciro cya mbere: Inzego z'ibihano byo mu rwego rw'akazi

Section One: Categories of disciplinary sanctions

Section première : Catégories des sanctions disciplinaires

Ingingo ya 8: Ibihano byo mu rwego rwa mbere

Article 8: Sanctions of the first category

Article 8 : Sanction de la première catégorie

Ibihano byo mu rwego rwa mbere ni ibijyana n'amakosa yoroheje bitewe n'uburemere bwayo.

Sanctions of the first category shall correspond with petty disciplinary faults according to their gravity.

Les sanctions de la première catégorie correspondent aux fautes disciplinaires les moins graves.

Uhereye ku gihano cyoroheje ujya ku gikomeye, ibihano byo mu rwego rwa mbere bikurikirana ku buryo bukurikira:

From the least to the most heavy, sanctions of the first category shall be as follows:

De la moins grave à la plus grave, les sanctions de la première catégorie, se suivent comme suit :

1° kwihanangirizwa;

1° warning;

1° avertissement ;

2° kugawa.

2° reprimand.

2° blâme.

Ingingo ya 9: Ibihano byo mu rwego rwa kabiri

Article 9: Sanctions of the second category

Article 9 : Sanctions de la deuxième catégorie

Ibihano byo mu rwego rwa kabiri ni ibijyana n'amakosa aremereye bitewe n'uburemere bwayo.

Sanctions of the second category shall correspond with serious disciplinary faults according to their gravity.

Les sanctions de la deuxième catégorie correspondent aux fautes disciplinaires graves.

Uhereye ku gihano cyoroheje ujya ku gikomeye kiremereye ku rwego rwo hejuru, ibihano byo mu rwego rwa kabiri bikurikirana ku buryo bukurikira:

From the least to the most heavy, sanctions of the second category shall be as follows:

De la moins grave à la plus grave, les sanctions de la deuxième catégorie se suivent comme suit :

Official Gazette n° Special of 06/03/2014

1° gukererezwa kuzamuka mu ntera;

2° guhagarikwa ku kazi mu gihe kitarenze amezi atatu adahemberwa;

3° kwirukanwa burundu ku kazi.

1° delay in promotion ;

2° suspension for a period of three months maximum without pay;

3° dismissal.

1° retard à l'avancement;

2° suspension pour une période de trois mois au maximum sans être payé;

3° révocation.

Icyiciro cya 2: Ibihano byo mu rwego rwa mbere n'amakosa ajyana na byo

Section 2: Sanctions of the first category and their corresponding disciplinary faults

Section 2: Sanctions de la première catégorie et fautes correspondantes

Ingingo ya 10: Amakosa ahanishwa igihano cyo kwihanangirizwa mu rwego rw'akazi

Article 10: Disciplinary faults sanctioned by a warning

Article 10: Fautes disciplinaires sanctionnées par un avertissement

Kwihanangirizwa ni igihano cyoroheje kurusha ibindi bihano byose. Gihabwa umukozi mu rwego rwo kumwihanangiriza kuri rimwe mu makosa yoroheje avugwa mu gika cya 2 cy'iyi ingingo.

Warning shall be the most minor sanction among disciplinary sanctions. It shall be imposed on a public servant who committed one of the petty faults as provided for in Paragraph 2 of this Article.

L'avertissement est la sanction la plus légère des sanctions disciplinaires. Elle est infligée à un agent de l'Etat qui a commis l'une des fautes légères prévues à l'alinéa 2 du présent article.

Ahanishwa kwihanangirizwa Umukozi wa Leta:

A public servant to be sanctioned by warning shall be the one who:

Est sanctionné par un avertissement, l'agent de l'Etat qui:

1° ukererewe ku kazi nta mpamvu ifatika izwi;

2° ubeshye mu bijyanye n'akazi ke;

3° ukoze imirimo itari iy'akazi mu masaha y'akazi igihe ari mu kazi;

4° ugize umwete muke mu gukora icyo yasabwe gukora mu kazi;

5° winubiye amabwiriza yahawe ajyanye n'akazi ashinzwe mu gihe ayo mabwiriza atanyuranya n'amategeko;

1° arrives late on duty without valid and communicated reason;

2° tells lies in matters pertaining to his/her work;

3° at work, performs activities other than those related to his/her work;

4° carries out an assignment given to him/her with negligence;

5° complains about instructions related to his/her work while those instructions are not against the law;

1° arrive en retard au travail sans raison valable communiquée;

2° ment dans les affaires de son travail ;

3° au travail, fait des activités qui ne sont pas liées à son travail;

4° traite négligemment un dossier qui lui est assigné;

5° se plaint des instructions qu'on lui donne relativement à son travail alors que ces instructions ne sont pas contre

Official Gazette n° Special of 06/03/2014

6° utambaye ikarita y'akazi kandi yarayihawe;	6° does not wear an employee identification card which has been given to him/her ;	6° ne porte pas visiblement sa carte de service alors qu'on la lui a donnée;
7° waje ku kazi adafite isuku;	7° comes to work unclean;	7° se présente au travail étant sale;
8° udahaye ikaze abyitayeho abamugana bashaka serivisi;	8° does not give a committed welcome to beneficiaries of the services he/she delivers;	8° se montre non appliqué en accueillant les bénéficiaires des services qu'il octroie;
9° ushyingura dosiye y'akazi itarangiye mu gihe atabihewe uburenganzira n'umuyobozi umukuriye mu kazi;	9° closes an uncompleted dossier without authorization from the competent authority;	9° classe un dossier non clôturé alors qu'il en a pas eu la permission de l'autorité compétente ;
10° udatanze serivisi ashinzwe gutanga kandi nta mpamvu yumvikana kandi ifatika ashingiyeho;	10° does not deliver a service under his/her responsibility without valid and reasonable justification ;	10° ne rend pas un service sous sa responsabilité sans justification raisonnable et valable;
11° utaye ku burangare bwe cyangwa wangije igikoresho cyo mu kazi gifite agaciro k'amafaranga y'u Rwanda ari muni cyangwa agera ku bihumbi magana atanu (500.000 Frw).	11° looses or causes the damage to work equipment whose value is five hundred thousand Rwandan francs (Rwf 500,000) or below.	11° perd par négligence ou a causé un dommage à un équipement de travail dont la valeur est inférieure ou égale à cinq cent mille francs rwandais (500.000 Frw).

Ingingo ya 11: Amakosa ahanishwa igihano cyo kugawa

Kugawa ni igihano cyoroheje ariko cyisumbuye ku kwihanangirizwa. Gihabwa umukozi mu rwego rwo kumugaya kubera rimwe mu makosa yoroheje yakoze nk'uko ateganyijwe mu gika cya 2 cy'iyi ngingo.

Article 11: Disciplinary faults sanctioned by a reprimand

A reprimand shall be the minor sanction but heavier than a warning. It shall be imposed to a public servant who has committed one of the petty faults provided for in Paragraph 2 of this Article.

Article 11: Fautes disciplinaires sanctionnées par le blâme

Le blâme est une sanction légère mais lourde par rapport à l'avertissement. Elle est infligée à un agent de l'Etat qui a commis l'une des fautes légères prévues à l'alinéa 2 du présent article.

Official Gazette n° Special of 06/03/2014

Ahanishwa igihano cyo kugawa umukozi wa Leta:	A public servant to be sanctioned by reprimand shall be the one who:	Est sanctionné par le blâme, l'agent de l'Etat qui:
1° usibye akazi mu gihe cy'umunsi umwe (1) nta ruhushya;	1° is absent to work for one (1) day without authorization;	1° s'absente du travail sans permission pendant un (1) jour ;
2° utanze amabwiriza yo gukora igikorwa cyangwa kudakora igikorwa kandi atabifitiye ububasha;	2° issues instructions to do or not to do something while he/she has no authority to do so;	2° donne des instructions de faire ou de ne pas faire quelque chose alors qu'il n'en a pas le pouvoir;
3° udatanze amabwiriza ashinzwe gutanga cyangwa utagenzura abakozi cyangwa ibyo ashinzwe kugenzura;	3° fails to issue instructions falling under his/her responsibilities or fail to supervise human or physical resources or activities under his/her responsibilities;	3° ne donne pas les instructions sous sa responsabilité ou ne supervise pas les ressources humaines ou matériels ou les activités dont il est responsable ;
4° usinziriye mu kazi, uretse nijoro igihe abyemerewe bitewe n'imiterere yihariye y'akazi;	4° sleeps while on duty; unless allowed in night because of the nature of services;	4° dort au travail, excepté celui qui en a la permission pendant la nuit à cause de la nature de son travail;
5° utambaye umwenda w'akazi ategetswe igihe ari mu kazi;	5° does not wear a professionally required dress while on duty;	5° n'est pas en tenue vestimentaire exigée par sa profession lors du travail;
6° ukoresheje ibikoresho by'akazi mu byo bitagenewe;	6° misuses work equipment;	6° utilise d'une façon inappropriée le matériel de travail;
7° ugandishije abandi bakozi mu kazi;	7° discourages his/her colleagues from doing their duties;	7° décourage ses collègues au travail;
8° utubahirije ibihe byagenwe n'Urwego akorera mu gusubiza inyandiko n'ibibazo by'abakeneye serivisi atanga;	8° does not respect the time frame fixed by his/her institution to respond to the case received without reasonable justification;	8° met du retard à donner une réponse à un dossier reçu par rapport au délai fixé par son institution, sans une justification valable;
9° utitabiriye ibikorwa rusange bikorwa mu masaha atari aya akazi ariko bisabwa mu	9° does not participate in a community work planned out of working hours but	9° ne participe pas aux travaux communautaires planifiés en dehors

Official Gazette n° Special of 06/03/2014

rwego rw'akazi akora;	requisite in accordance with his/her work;	des heures de travail, mais exigés dans le cadre de son travail;
10° udatanze ku gihe ku nzego zibifitiye ububasha raporo y'ubutumwa cyangwa iy'amahugurwa yagiyemo;	10° fails to submit on time the report related to the mission or training he/she has attended;	10° ne donne pas dans le délai exigé le rapport de mission ou de formation ;
11° unywereye itabi ahakorerwa imirimo ya Leta cyangwa ahatarabugenewe;	11° smokes while at work premises or at place not devoted to do it;	11° fume du tabac dans un local de travail ou un lieu non réservé à cet effet ;
12° unyweye inzoga mu masaha y'akazi igihe bitagenwe n'urwego akorera;	12° takes alcoholic drinks during working hours while it is not planned by his/her institution;	12° prend des boissons alcoolisées pendant les heures de travail alors que ce n'était pas planifié par son institution;
13° utaye cyangwa wangije igikoresho cyo mu kazi gifite agaciro k'amafaranga y'u Rwanda kari hejuru y'ibihumbi magana atanu (500.000 Frw) ariko katarengeje miliyoni imwe (1.000.000 Frw).	13° looses or cause the damage to work equipment whose value is superior to five hundred thousand Rwandan francs (Rwf 500,000) but below one million Rwandan francs (Rwf 1,000,000).	13° perd ou cause un dommage à un équipement de travail dont la valeur est supérieure à cinq cent mille francs rwandais (500.000 Frw) mais inférieure à un million de francs rwandais (1.000.000 Frw).

Icyiciro cya 3: Ibihano byo mu rwego rwa kabiri n'amakosa ajyana na byo

Section 3: Disciplinary faults of the second category and their corresponding sanctions

Section 3: Fautes disciplinaires de la deuxième catégorie et les sanctions correspondantes

Ingingo ya 12: Amakosa ahanishwa igihano cyo gukererezwa kuzamurwa mu ntera

Article 12: Disciplinary faults sanctioned by delay in promotion

Article 12: Fautes disciplinaires sanctionnées par le retard à la promotion

Gukererezwa kuzamurwa mu ntera ni igihano gito mu bihano biremereye bigize urwego rwa kabiri rw'ibihano. Gihabwa umukozi wakoze rimwe mu makosa aremereye ateganyijwe mu gika cya 2 cy'iyi ngingo.

The sanction of delay in promotion shall be the least heavy sanction among disciplinary sanctions making up the second category. It shall be imposed to a public servant who has committed one of the serious faults provided for in Paragraph 2 of this Article.

Le retard à la promotion est la sanction la moins dure parmi les sanctions disciplinaires de la deuxième catégorie. Elle est infligée à un agent de l'Etat qui a commis l'une des fautes graves prévues à l'alinéa 2 du présent article.

Ahanishwa igihano cyo gukererezwa kuzamurwa

A public servant to be sanctioned by delay in

Est sanctionné par le retard à la promotion un

Official Gazette n° Special of 06/03/2014

mu ntera, umukozi wa Leta:

- 1° udakoze amasezerano y'imihigo y'umwaka mu buryo buteganywa n'amategeko;
- 2° ukora cyangwa utangaje inkuru igamije gukanga cyangwa gutera ubwoba mu rwego rw'akazi;
- 3° umennye ibanga ry'akazi;
- 4° ututse umuyobozi mu rwego rw'akazi uri ku rwego rwo munsu y'umuyobozi w'urwego akorera cyangwa umwungirije;
- 5° ukoresheje nabi icyubahiro cye cyangwa icy'umwanya arimo mu nyungu ze bwite;
- 6° udahishuye ukugongana kw'inyungu z'akazi n'ize bwite bikenewe;
- 7° wataye cyangwa wangije igikoresho cyo mu kazi gifite agaciro kari hejuru ya miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1.000.000 Frw) ariko katarengeje miliyoni imwe n'ibihumbi magana atanu (1.500.000 Frw).

promotion shall be the one who:

- 1° does not conclude an annual performance contract according to the relevant laws;
- 2° creates or disseminates information meant to create terror at work;
- 3° discloses a professional secret;
- 4° insults an official holding managerial position lower than the positions of the head or deputy head of his/her institution;
- 5° takes advantage of his/her professional status for personal interests;
- 6° does not reveal any conflict of his/her interests with work interests where required;
- 7° loses or causes the damage to office equipment whose value is superior to one million Rwandan francs (Rwf 1,000,000) but below one million and five hundred Rwandan francs (Rwf 1,500,000).

agent de l'Etat qui :

- 1° ne conclue pas un contrat de performance annuel suivant les lois en la matière ;
- 2° conçoit ou diffuse une information destinée à semer la terreur dans le cadre du travail ;
- 3° divulgue le secret professionnel ;
- 4° insulte une autorité dans le cadre du travail de rang inférieur à ceux du dirigeant de son institution ou de son adjoint ;
- 5° use d'une façon inapproprié le respect qu'on lui doit dans son travail ou son statut professionnel pour ses intérêts personnels ;
- 6° ne révèle aucun conflit entre ses intérêts et ceux du travail où cela est exigé;
- 7° perd ou cause un dommage à un équipement de travail dont la valeur est supérieure à un million de francs rwandais (1.000.000 Frw) mais inférieure à un million cinq cent de francs rwandais (1.500.000 Frw).

Official Gazette n° Special of 06/03/2014

Ingingo ya 13: Amakosa ahanishwa igihano cyo guhagarikwa ku kazi mu gihe kitarenze amezi atatu (3) adahemberwa

Guhagarikwa ku kazi mu gihe kitarenze amezi atatu (3) adahemberwa ni igihano kiremereye kandi kisumbuye ku gihano cyo gukererezwa kuzamurwa mu ntera. Gihabwa umukozi wakoze rimwe mu makosa aremereye mu rwego rw'akazi, nk'uko ateganyijwe mu gika cya 2 cy'iyi ingingo.

Ahanishwa igihano cyo guhagarikwa ku kazi mu gihe kitarenze amezi atatu (3) adahemberwa, umukozi wa Leta:

- 1° ututse umugana ashaka serivisi;
- 2° ututse cyangwa usebeje mu magambo, mu nyandiko cyangwa mu mashusho, umukozi uri ku rwego rw'imirimo rumwe na we cyangwa ruri hasi y'urwe;
- 3° wiha akazi agamije inyungu ze bwite;
- 4° ukoze dosiye y'akazi nabi mu nyungu ze bwite;
- 5° woherejwe mu butumwa cyangwa amahugurwa mu rwego rw'akazi ntabe ar ho ajya;
- 6° waje ku kazi yasinze cyangwa yanyweye

Article 13: Suspension for a period of three (3) months maximum without pay

Suspension for a period not exceeding three (3) months without pay shall be the heavy sanction directly superior to the sanction of delay in promotion. It shall be imposed to a public servant who has committed one of the serious faults provided for in Paragraph 2 of this Article.

A public servant to be sanctioned by suspension for a period not exceeding three (3) months without pay shall be the one who:

- 1° insults a person who comes to seek a service;
- 2° insults or defames verbally, by writing or by images a public servant of the same or lower job level;
- 3° deploys him/herself on duties for his/her personal interests;
- 4° handles a case related to work inappropriately owing to his/her personal interests;
- 5° is sent on official mission or for training but deviated from them;
- 6° is under the influence of alcohol or

Article 13 : Suspension pour une période de trois (3) mois au maximum sans être payé

La suspension temporaire pour la période de trois (3) mois maximum sans être payé est la sanction dure directement supérieure à la sanction de retard à la promotion. Elle est infligée à un agent de l'Etat qui a commis l'une des fautes graves prévues à l'alinéa 2 du présent article.

Est sanctionné par une suspension temporaire pour une période de trois (3) mois maximum sans être payé, l'agent de l'Etat qui:

- 1° insulte une personne qui et vient lui demander un service ;
- 2° insulte ou diffame oralement, par écrit ou en images l'agent de l'Etat de même niveau d'emploi ou de niveau d'emploi inférieur au sien ;
- 3° se déploie au travail pour servir ses propres intérêts ;
- 4° traite un dossier de travail de manière inappropriée en faveur de ses intérêts personnels ;
- 5° est envoyé en mission officielle ou formation mais s'occupe à autre chose ;
- 6° se présente au travail en état d'ivresse

Official Gazette n° Special of 06/03/2014

ibiyobyabwenge;

7° utangaje inkuru isebya cyangwa yangisha abantu Urwego akorera cyangwa inzego za Leta muri rusange;

8° wangije igikoresho cy'akazi gifite agaciro k'amafaranga y'u Rwanda gahera kuri miliyoni imwe n'ibihumbi magana atanu (1.500.000 Frw) kujyana hejuru.

drugs whilst on duty;

7° spreads information intended for inciting people to dislike or dishonour his/her institution or public institutions in general;

8° looses or causes to office equipment the damage whose value is superior to one million five hundred thousand Rwandan francs (Rwf 1,500,000) and above.

ou drogué;

7° diffuse une information dans l'intention d'inciter les gens à haïr ou déshonorer son institution ou les institutions publiques en général ;

8° perd ou cause un dommage à un équipement de bureau dont la valeur est supérieure à un million cinq cent mille francs rwandais (1.500.000 Frw)

Ingingo ya 14: Amakosa ahanishwa igihano cyo kwirukanwa burundu ku kazi

Kwirukanwa burundu ku kazi ni igihano kiremereye kuruta ibindi bihano byose mu rwego rw'akazi; gihabwa umukozi wakoze rimwe mu makosa aremereye ateganyijwe mu gika cya 2 cy'iyi ngingo.

Ahanishwa igihano cyo kwirukanwa ku kazi burundu, umukozi wa Leta:

1° wanze kurahira indahiro y'abakozi ba Leta mu buryo buteganywa n'amategeko;

2° utaye akazi nta mpamvu izwi cyangwa nta ruhushya mu gihe kigeze nibura ku minsi cumi n'itanu (15) ikurikirana;

Article 14: Disciplinary faults sanctioned by dismissal

Dismissal shall be the heaviest sanction among all disciplinary sanctions. It shall be imposed on a public servant who has committed one of the serious disciplinary faults provided for in Paragraph 2 of this Article.

A public servant to be sanctioned by dismissal, shall be the one who:

1° refuses to take oath as a public servant in accordance with the relevant laws;

2° deserts his/her work without known reason or without authorization for a period of at least fifteen (15) consecutive days;

Article 14: Fautes disciplinaires sanctionnées par la révocation

La révocation est la sanction la plus forte de toutes les sanctions disciplinaires. Elle est infligée à un agent de l'Etat qui a commis l'une des fautes lourde prévues à l'alinéa 2 du présent article.

Est sanctionné par la révocation, un agent de l'Etat qui :

1° refuse de prêter serment en tant qu'agent de l'Etat conformément à la loi en la matière ;

2° déserte son travail pour une période de quinze (15) jours consécutifs au moins sans raison connue ou sans permission ;

Official Gazette n° Special of 06/03/2014

- | | | |
|---|---|---|
| 3° uhamijwe burundu n'urukiko igihano cy'igifungo gihwanye cyangwa gisumba amezi atandatu (6); | 3° is definitively sentenced by a court to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months; | 3° est condamné définitivement par la juridiction à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois; |
| 4° ukoze uburiganya agahindura ibikubiye muri dosiye ye y'akazi, cyangwa iy'undi mukazi; | 4° fraudulently alters the content of his/her or another person's professional file; | 4° change frauduleusement le contenu de son dossier individuel professionnel ou celui d'une autre personne; |
| 5° watanze ibyangombwa mpimbano bishingirwaho kugira ngo umukozi ahabwe akazi; | 5° has submitted among his/her credentials falsified documents in order to get recruited; | 5° a déposé dans son dossier de demande d'emploi un document falsifié pour être recruté; |
| 6° wibye mu kazi; | 6° steals at work; | 6° vole au travail ; |
| 7° wakubise undi muntu ku kazi; | 7° assaults another person at work; | 7° bat quelqu'un au travail ; |
| 8° watutse umuyobozi w'Urwego akorera cyangwa umwungirije cyangwa undi muyobozi wo mu Butegetsi bwa Leta uri ku rwego rumwe na we cyangwa urusumba; | 8° insults the head of his/her institution or his/her deputy or any other high official on the same or superior job level; | 8° insulte le dirigeant de son institution ou son adjoint ou une autre autorité de même niveau ou de niveau supérieur ; |
| 9° wakoze uburiganya bugamije gutonesha cyangwa kugabanyiriza amahirwe umukandida mu bijyanye n'itangwa ry'akazi; | 9° commits a fraudulent act or omission aimed at favouring a candidate or putting his/her at disadvantage in course of recruitment process; | 9° commet un acte ou omission frauduleuse dans l'intention de favoriser ou désavantager un candidat au cours d'une compétition de recrutement ; |
| 10° usaba, wakiriye cyangwa watanze ruswa cyangwa indonke kugira ngo hatangwe serivisi; | 10° requires, receives or offers donation or illegal benefit for provision of a service; | 10° exige, reçoit ou donne un don ou un avantage illégal en vue de la prestation d'un service ; |
| 11° uhoza undi muntu ku nkeke agamije gukorana na we imibonano mpuzabitsina | 11° harasses another person for the purposes of sexual intercourse and there are proof | 11° harcèle une autre personne avec intention de faire des rapports sexuels |

Official Gazette n° Special of 06/03/2014

ku buryo bufitiwe ibimenyeto;

thereto;

avec elle avec des preuves à l'appui ;

12° ukoze ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu kazi.

12° commits a gender-based violence at workplace.

12° commet une violence basée sur le genre au lieu de travail.

Icyiciro cya 4: Andi makosa yo mu kazi atagaragara muri iri teka.

Section 4: Other disciplinary faults not provided for by this Order

Section 4: Autres fautes disciplinaires non prévues par le présent arrêté

Ingingo ya 15: Kugena ibindi bikorwa bifatwa nk'amakosa yo mu rwego rw'akazi

Article 15: Establishing other acts or conducts as disciplinary faults

Article 15: Qualification d'autres actes ou conduites comme fautes disciplinaires

Iyo umukozi akoze igikorwa cyangwa agize imyitwarire binyuranya n'inshingano ze z'akazi bikabyara ikosa ridadeganyijwe muri iri teka, umuyobozi w'urwego akorera ashingiye ku myanzuro y'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa, akena uburemere bw'icyabyaye ikosa n'ubwoko bw'igihano bikwiranye mu bihano biteganyijwe n'iri teka.

When a public servant commits an act or behaves in way that breaches his/her work obligation while such act or conduct is not among disciplinary faults provided for by this Order, the head of his/her institution, upon recommendation of internal disciplinary committee, shall determine the gravity of acts or behaviour taken as disciplinary fault and its corresponding sanction, among sanctions provided for by this Order.

Lorsqu'un agent de l'Etat commet un acte ou se conduit de façon qui contrevient à son obligation professionnelle alors que cet acte ou cette conduite n'est pas listé parmi les fautes prévues par le présent arrêté, le dirigeant de son institution, considérant les recommandations du Comité interne chargé de la discipline, détermine la gravité de l'acte ou conduite qualifié comme faute ainsi que la sanction correspondante, sur la liste des sanctions prévues par le présent arrêté.

Ingingo ya 16: Amakosa akorwa mu imenyekanishamutungo

Article 16: Faults relating to declaration of property

Article 16: Fautes relatives à la déclaration du patrimoine

Mu gihe Umukozi akoze ikosa ryo mu rwego rw'akazi rijyanye n'imenyekanishamutungo ahanwa mu buryo buteganywa n'itegeko rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'urwego rw'Umuvunyi.

A public servant who commits a disciplinary fault related to declaration of property shall be punished in accordance with modalities provided for by law determining the mission, powers, organization and functioning of the Office of the Ombudsman.

Un agent de l'Etat qui commet une faute relative à la déclaration du patrimoine est sanctionné conformément aux dispositions de la loi déterminant la mission, compétence, organisation et fonctionnement de l'Office de l'Ombudsman.

UMUTWE WA IV: UBURYO BUKURIKIZWA MU MIHANIRE Y'AMAKOSA	CHAPTER IV: DISCIPLINARY REGULATIONS PROCEDURE	CHAPITRE IV: PROCEDURE APPLICABLE EN MATIERE DE REGIME DISCIPLINAIRE
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Ububasha bwo guhana umukozi	<u>Section One:</u> Competence to impose a disciplinary sanction	<u>Section première:</u> Compétence pour infliger une sanction disciplinaire
<u>Ingingo ya 17:</u> Umuyobozi ufite ububasha bwo guhana	<u>Article 17:</u> Competent authority to impose a disciplinary sanction	<u>Article 17:</u> Autorité compétente pour infliger une sanction disciplinaire
Ibihano byo mu rwego rwa mbere bitangwa n'umuyobozi ukuriye urwego umukozi akoramo amaze kumva inama abigirwaho n'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa.	Sanctions of first category shall be imposed by the head of institution after consultation with the internal disciplinary committee.	Les sanctions de la première catégorie sont infligées par le dirigeant de l'institution après avis consultatif du Comité interne chargé de la discipline.
Ibihano byo mu rwego rwa kabiri bigatangwa n'umuyobozi washyize umukozi mu mwanya amaze kumva inama abigirwaho n'Akanama gashinzwe Gukurikirana Amakosa na Minisitiri.	Sanctions of second category shall be imposed by the appointing authority after consultation with the internal disciplinary Committee and the Minister.	Les sanctions de la deuxième catégorie sont infligées par l'autorité de nomination, après avis consultatif du Comité interne chargé de la discipline et celui du Ministre.
Umuyobozi ukuriye urwego uvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ashobora guha undi muyobozi ububasha bwo guhana umukozi mu kigwi cye.	A head of institution referred to in Paragraph One of this Article may delegate authority of sanctioning to another authority.	Le dirigeant de l'institution dont mention est faite à l'alinéa premier du présent article peut déléguer une autre autorité de prendre à sa place des sanctions à l'encontre d'un autre agent.
<u>Icyiciro cya 2:</u> Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa	<u>Section 2:</u> Internal disciplinary committee	<u>Section 2:</u> Comité interne chargé de discipline
<u>Ingingo ya 18:</u> Ishyirwaho ry'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa	<u>Article 18:</u> Establishment of internal disciplinary Committee	<u>Article 18:</u> Mise en place d'un Comité interne chargé de la discipline
Buri rwego rwa Leta rugomba gushyiraho Akanama gashinzwe ikurikirana ry'amakosa kagizwe n'abantu nibura batanu (5).	Each public institution shall establish an internal disciplinary Committee comprising of at least five (5) members.	Chaque institution publique doit mettre en place un Comité interne chargé de discipline, composé d'au moins cinq (5) membres.

Official Gazette n° Special of 06/03/2014

<p>Akanama gashinzwe ikurikirana ry'amakosa kagizwe n'aba bukurikira:</p>	<p>The internal disciplinary Committee shall be comprised of the following members:</p>	<p>Le Comité interne de discipline est composé des membres suivants:</p>
<p>1° umuyobozi w'Ishami ufite Abakozi mu nshingano ze, ari na we Perezida w'Akanama;</p>	<p>1° the Director in charge of human resources, Chairperson of the Committee;</p>	<p>1° le Directeur d'Unité ayant les ressources humaines dans ses attributions, Président du Comité ;</p>
<p>2° umukozi ufite imicungire y'Abakozi mu nshingano ze, Umunyamabanga w'Akanama;</p>	<p>2° the Human Resources Officer, Secretary of the Committee;</p>	<p>2° le chargé des ressources humaines, Secrétaire du Comité;</p>
<p>3° Umujyanama w'urwego mu by'Amategeko.</p>	<p>3° the Legal Advisor/Affairs of the institution.</p>	<p>3° Le Conseiller Juridique de l'Institution.</p>
<p>Abandi bagize Akanama gashinzwe ikurikirana ry'amakosa batorwa ku buryo bukurikira:</p>	<p>Other members of internal disciplinary Committee shall be elected as follows:</p>	<p>Les autres membres du Comité interne de discipline sont élus de la manière suivante :</p>
<p>1° umukozi uhagarariye abakozi bo mu cyiciro cy'imirimo y'abaporofesiyoneli uturwa na bagenzi be;</p>	<p>1° a public servant from the category of professionals elected by his/her peers;</p>	<p>1° un agent de la catégorie des professionnels élu par ses pairs;</p>
<p>2° umukozi uhagarariye abakozi bo mu cyiciro cy'imirimo ya teknikiki uturwa na bagenzi be.</p>	<p>2° a public servant from the category of support staff elected by his/her peers.</p>	<p>2° un agent de la catégorie d'exécution élu par ses pairs.</p>
<p>Haseguriwe ibivugwa mu gika kibanziriza iki, inzego za Leta zifite abakozi babarizwa mu bindi byiciro by'imirimo, zongera mu bagize Akanama gashinzwe ikurikirana ry'amakosa umukozi uhagarariye abandi uturutse muri buri cyiciro cy'imirimo.</p>	<p>Without prejudice to the provisions of the Paragraph 2 of this Article, public institutions having public servants falling under other employment categories shall include in internal disciplinary Committee a public servant from each category a public servant to represent his/her peers.</p>	<p>Sans préjudice des dispositions de l'alinéa 2 du présent article, les institutions publiques ayant d'autres catégories d'emploi, ajoutent aux membres du Comité interne de discipline un agent provenant de chaque catégorie d'emplois pour représenter ses pairs.</p>
<p>Uretse Umujyanama mu by'amategeko w'urwego na Perezida n'Umunyamabanga ba Komite, bakora imirimo y'Akanama mu buryo buhoraho,</p>	<p>Except the Legal Advisor/Affairs of the institution, the Chairperson and the Secretary of the Committee as permanent members, other</p>	<p>Excepté le Conseiller Juridique de l'institution, le Président et le Secrétaire du Comité en tant que membres permanents, les autres membres</p>

Official Gazette n° Special of 06/03/2014

abandi bagize Akanama gashinzwe ikurikirana ry'amakosa batorerwa manda y'umwaka umwe (1), ishobora kongerwa inshuro imwe gusa.

Iyo ugize Akanama gashinzwe ikurikirana ry'amakosa akurikiranyweho ikosa, ntiyitabira imirimo ijyanye no gusuzuma ikosa rye.

Ingingo ya 19: Inshingano z'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa

Akanama gashinzwe ikurikirana ry'amakosa gafite inshingano zikurikira:

- 1° gukora iperereza ryo mu rwego rw'akazi ku ikosa umukozi akekwoho hagamijwe gusesengura uburyo ikosa ryabayemo, ingaruka zaryo, ndetse no kugaragaza ibimenyetso bishimangira ko ikosa ryabayeho koko;
- 2° Gutanga inama ku gihano cyafatirwa umukozi no gushyikiriza umuyobozi ufite ububasha bwo guhana raporo y'iperereza.

Icyiciro cya 3: Gukurikirana ikosa ry'umukozi wa Leta

Ingingo ya 20: Kumenyekanisha ikosa

Buri mukozi wa Leta afite inshingano yo kumenyeshya umuyobozi ubifitiye ububasha ikosa ryakozwe n'ubarikozwe.

members of the internal disciplinary Committee shall be elected for a term of one (1) year renewable only once.

In case a member of the internal disciplinary Committee is alleged, he/she shall not participate in the committee's activities related to his/her case.

Article 19: Responsibilities of the internal disciplinary committee

The internal disciplinary Committee shall have the following responsibilities:

- 1° carry out administrative investigations intended to the analysis of the circumstances surrounding the fault, its consequences and its proof;
- 2° Suggest a sanction to be imposed on the public servant and submit a relevant investigation report to the competent authority.

Section 3: Administrative proceedings for a disciplinary fault

Article 20: Denunciation of a disciplinary fault

Every public servant shall have obligation of exposing a public servant who committed a disciplinary fault and fault committed to the

du Comité interne de discipline sont élus pour un mandat d'une (1) année renouvelable une seule fois.

S'il y a des allégations de faute portées contre un membre du Comité interne de discipline, il ne participe pas aux activités du Comité qui concernent son cas.

Article 19: Attributions du Comité de discipline

Le Comité interne de discipline a les attributions suivantes :

- 1° mener des enquêtes administratives en vue d'analyser les circonstances de la faute, ses conséquences et ses preuves ;
- 2° proposer la sanction à infliger à l'agent de l'Etat et soumettre un rapport d'enquête à l'autorité compétente.

Section 3: Poursuite administrative pour une faute disciplinaire

Article 20: Dénonciation de la faute disciplinaire

Chaque agent de l'Etat a l'obligation de dénoncer un agent de l'Etat fautif et la faute commise à l'autorité compétente.

competent authority.

Ingingo ya 21: Kwisobanura

Umukozi wagaragaweho ikosa asabwa n'umuyobozi ufite ububasha bwo kumuhana, gutanga ibisobanuro ku ikosa akekwa. Ibyo bisobanuro umukozi abitanga mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi, uhereye igihe yaboneye urwandiko rumusaba kwisobanura.

Umuyobozi wasabye umukozi kwisobanura agomba kumumenyesha ko ibisobanuro yatanze byumvikanye cyangwa bitumvikanye mu gihe kitarenze iminsi icumi (10) y'akazi, ibarwa uhereye igihe umukozi yagejeje ibaruwa itanga ibisobanuro mu bunyamabanga rusange bw'Urwego umukozi akoramo. Iyo icyo gihe gishize umukozi ataramenyeshwa mu nyandiko umwanzuro ku bisobanuro yatanze, ibisobanuro bye bifatwa nk'aho byumvikanye kandi byemewe.

Ingingo ya 22: Gukurikirana no guhana ikosa

Iyo umukozi ukekwa ikosa atanze ibisobanuro byumvikana, gukurikiranwa birahagarara na dosiye yari akurikiranyweho igashyingurwa burundu.

Iyo ibisobanuro umukozi atanze bitumvikana, umuyobozi ubifitiye ububasha ahita asaba Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa, gukurikirana iryo kosa kugira ngo karitangeho raporo mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi uhereye igihe kasabiwe gutangira

Article 21: Means of defence

Upon request by the authority competent to impose a sanction, the public servant who is alleged to have committed a fault shall respond to charges against him/her in not more than five (5) working days, from the date of receipt of the written notification.

The competent authority shall inform the public servant within ten (10) working days from the date the written letter reached the central secretariat of the institution, whether the explanations produced are satisfactory or not. If that period expires without written response to the public servant, his/her explanations shall be considered as satisfactory.

Article 22: Proceedings over a disciplinary fault

When explanations produced are satisfactory the disciplinary action shall be withdrawn and all the relevant charges closed without follow up.

When the explanations produced by the public servant are not satisfactory, upon request by the competent authority, the internal disciplinary Committee shall make investigations and provide a report within fifteen (15) working days from the date it received the request to start

Article 21 : Explications sur les faits reprochés

Sur demande de l'autorité ayant la compétence d'imposer la sanction, l'agent de l'Etat est tenu de fournir les explications sur les faits lui reprochés dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours ouvrables, comptés à partir de la date de notification de la demande d'explication.

L'autorité compétente doit informer l'agent de l'Etat si des explications fournies sont satisfaisantes ou non dans un délai ne dépassant pas dix (10) jours ouvrables, comptés à partir de la date de dépôt de la lettre d'explications au secrétariat central de l'institution. Lorsque cette période expire sans réponse écrite donnée à l'agent de l'Etat, ses explications sont considérées comme satisfaisantes.

Article 22: Poursuite et sanction d'une faute

Lorsque les explications fournies sont satisfaisantes, l'action disciplinaire s'éteint et le dossier y relatif est classé sans suite.

Lorsque les explications fournies par l'agent ne sont pas satisfaisantes, sur demande de l'autorité compétente, le Comité interne chargé de discipline doit faire l'investigation et donner un rapport dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours ouvrables, à partir du jour de

gukurikirana ikosa.

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 17 y'iri teka, Umuyobozi ubifitiye ububasha amenyesha Umukozi mu nyandiko umwanzuro yafatiwe mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye igihe yaboneyeho inama abigirwaho n'akanama gashinzwe gukurikirana amakosa cyangwa Minisitiri.

Iyo Umukozi wa Leta akurikiranweho ikosa ntabwo koherezwa mu mahugurwa cyangwa kwemererwa gusezera ku kazi hatarafatwa umwanzuro ku ikosa akurikiranweho.

Ingingo ya 23: Ihagarikwa ry'agateganyo mu gihe cy'iperereza

Umukozi wa Leta ukekwa ikosa riremerye rishobora gutuma ahanishwa igihano cyo mu rwego rwa kabiri, ashobora guhagarikwa by'agateganyo mu gihe kitarenze amezi atandatu (6), kugira ngo hakorwe iperereza ryimbitse ku ikosa rye. Muri icyo gihe umushahara w'umukozi wahagaritswe by'agateganyo kubera iperereza ukomeza kubarwa wose akanawubikirwa. Iyo nta kosa rimuhanye ahabwa imishahara ye uko yayibikiwe, iyo ikosa rimuhanye, atakaza uburenganzira ku mishahara yose yari yarabikiwe.

Iyo igihe cyo guhagarikwa by'agateganyo kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kirangiye, kandi umukozi ataramenyeshwa icyemezo yafatiwe ahita asubira ku murimo

investigations.

Subject to the provisions of Article 17 of this Order, the competent authority must notify the public servant in writing of a decision taken against him/her within five (5) working days, from the date he/she received views from the internal disciplinary committee or the Minister.

If a public servant is under investigations for a fault, he/she shall not be sent on training, and his/her resignation cannot be approved before a final decision on its fault is taken.

Article 23: Suspension during investigation

A public servant suspected of having committed a serious fault which can be punished by a sanction of the second category, may be suspended for a period not exceeding six (6) months pending further investigations. During this period the whole salary of the suspended public servant shall continue to be calculated and retained. In case of innocence with regard to disciplinary charges against him/her, he/she shall receive the salary retained for him/her. If he/she is found guilty, he/she shall not be entitled to the salary that was retained for him/her.

In case the period of suspension mentioned in Paragraph One of this Article elapses without any conclusion on his/her case, the concerned public servant shall immediately resume his/her

la demande de commencer les poursuites.

Sous réserve des dispositions de l'article 17 du présent arrêté, l'autorité compétente doit notifier par écrit l'agent concerné de la décision prise contre lui dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours ouvrables comptés à partir du jour de la réception de l'avis du Comité interne chargé de la discipline ou du Ministre.

L'agent de l'Etat sujet d'investigations pour une faute ne peut être envoyé en formation et sa démission ne peut être acceptée avant la décision finale sur sa faute.

Article 23: Suspension par mesure d'ordre

L'agent de l'Etat suspecté d'avoir commis une faute grave passible d'une sanction de la deuxième catégorie peut être suspendu par mesure d'ordre pour une période ne dépassant pas six (6) mois en attendant les conclusions de l'enquête. Pendant cette période de suspension tout le salaire de l'agent de l'Etat suspendu par mesure d'ordre continue d'être calculé et conservé pour lui. En cas de non culpabilité à l'égard de la faute disciplinaire, il reçoit le salaire conservé pour lui. S'il est reconnu coupable, il n'a pas droit à tout le salaire qui a été conservé pour lui.

Au cas où la période de suspension mentionnée à l'alinéa premier du présent article arrive à terme sans que la dernière décision ait été prise, l'agent de l'Etat concerné retourne

Official Gazette n° Special of 06/03/2014

kugeza igihe iperereza rirangiriye.

work while waiting for the final decision.

immédiatement au travail en attendant la décision finale.

Icyemezo gihagarika umukozi by'agateganyo ku mpamvu z'iperereza gifatwa n'umuyobozi ufite ububasha bwo guhana umukozi ashingiye ku nama yabigiriweho n'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa.

A decision of suspension of a public servant for investigations shall be taken by the authority competent to impose the sanction after consultation with the internal disciplinary Committee.

La décision de suspendre un agent de l'Etat pour raison d'enquête est prise par l'autorité compétente pour infliger la sanction après examen de l'avis consultatif du Comité interne de discipline.

Iyo Umukozi wahagaritswe ku kazi kugira ngo hakorwe iperereza ku makosa ahamwe n'ikosa igihano ahawe kigira agaciro kuva igihe Umukozi yahagarikiwe by'agateganyo kugira ngo hakorwe iperereza.

In case the public servant who has been suspended for further investigations is found guilty his/her sanction shall take effects from the date he/she was suspended to carry out investigations.

Lorsque l'agent de l'Etat suspendu par mesure d'ordre est reconnu coupable sa sanction prend effet à partir du jour où il a été suspendu pour raison d'enquête.

Icyiciro cya 4: Uburyo bwo gutanga igihano

Section 4: Modalities of imposing sanctions

Section 4 : Modalités d'infliger les sanctions

Ingingo ya 24: Ibaruwa y'igihano

Article 24: Letter of sanction

Article 24: Lettre de sanction

Igihano cyose gitangwa mu buryo bw'ibaruwa aho umuyobozi ubifitiye ububasha agaragariza umukozi mu buryo burambuye ikosa yakoze n'ingaruka zaryo.

Each sanction shall be imposed through a letter issued by the competent authority who clarifies in details the fault committed and its consequences.

Chaque sanction est infligée par l'autorité compétente sous forme d'une lettre qui clarifie en détails la faute et ses conséquences.

Ibaruwa y'igihano gitanzwe ishyikirizwa umukozi ubwe, na we akayishyiraho icyemezo cy'iyakira mu nyandiko. Kopi y'iyi baruwa y'igihano yashyizweho icyemezo cy'iyakirwa ibikwa muri dosiye y'umukozi.

The letter of the imposed sanction shall be delivered to the concerned public servant with confirmation of receipt. A copy of the letter marked with an acknowledgement of receipt shall be kept in the concerned public servant's file.

La lettre de la sanction infligée est donnée à l'agent de l'Etat concerné avec accusé de réception. La copie de cette lettre portant accusé de réception est classée dans le dossier de l'agent de l'Etat concerné.

Ingingo ya 25: Ibyubahirizwa mu gutanga igihano cyo gukererezwa kuzamurwa mu ntera

Iyo igihano cyatanzwe ari ugukererezwa kuzamurwa mu ntera, umuyobozi ubifitiye ububasha agaragariza umukozi ingazintambike ariho kandi azakomeza kugumaho ubwo igihe cyo kuzazamurwa mu ntera kizaba kigeze.

Igihano cyo gukererezwa kuzamurwa mu ntera kigira agaciro ku ikererezwa mu kuzamuka ku ngazi ntambike imwe gusa ijyana n'imyaka itatu (3) y'akazi ibarwa guhera igihe cyari giteganyijwe mu kuzamuka ku ngazi ntambike. Iki gihano ntikibangamira uburenganzira umukozi afite ku ishimwe rijyana n'isuzumabushobozi rya buri mwaka.

Ingingo ya 26: Ibyubahirizwa bijyana n'igihano cyo guhagarikwa ku kazi mu gihe kitarenze amezi atatu (3) adahemberwa

Iyo igihano cyahawe umukozi wa Leta ari uguhagarikwa ku kazi mu gihe kitarenze amezi atatu (3) adahemberwa, umuyobozi ubifitiye ububasha agaragaza mu ibaruwa itariki ahagarikiweho n'itariki azagarukiraho ku kazi.

Mu gihe cyose umukozi ari mu gihano cyo guhagarikwa ku kazi ntagererwa umushahara n'ibindi bigenerwa umukozi mu rwego rwo kumufasha gutunganya imirimo ye.

Article 25: Modalities concerning the sanction of delay in promotion

In case the imposed sanction is the delay in promotion, the competent authority shall indicate the horizontal step on which the public servant is and shall stay at the time his/her horizontal step promotion might take place.

The delay in promotion shall be applicable to the delay of one horizontal step linked to three (3) years of work starting from the date the public servant was supposed to be promoted horizontally. This sanction shall not affect the right of the public servant on the annual bonus based on his/her performance contract.

Article 26: Modalities concerning the sanction of suspension for a period of three (3) months maximum without pay

In case the sanction imposed to a public servant is a suspension for a period of three (3) months maximum without pay, the competent authority shall indicate dates of the beginning and end of such as suspension.

During the period of the sanction of suspension, the concerned public servant shall not be entitled to salary and fringe benefits.

Article 25: Modalités liées à la sanction du retard à l'avancement

Lorsque la sanction infligée est le retard à la promotion, l'autorité compétente mentionne l'échelon horizontal auquel l'agent de l'Etat se trouve et restera au moment où il pouvait être promu horizontalement.

Le retard à l'avancement concerne le non-avancement en un seul échelon horizontal appliqué à une période de trois (3) ans de travail comptés à partir de la date à laquelle l'agent de l'Etat aurait dû être promu horizontalement. Cette sanction n'affecte pas le droit de l'agent de l'Etat au bonus annuel basé sur le contrat de performance.

Article 26: Modalités liées à la sanction de suspension disciplinaire pour une période de trois (3) mois maximum sans être payé

Lorsque la sanction infligée à un agent de l'Etat est une suspension disciplinaire pour la période de trois (3) mois maximum sans être payé, l'autorité compétente mentionne dans la lettre les dates du début et de la fin de ladite suspension.

Pendant la période de suspension, l'agent de l'Etat concerné ne bénéficie pas de son salaire et d'autres avantages alloués dans le cadre du travail.

Ingingo ya 27: Ibyubahirizwa bijyana n'igihano cyo kwirukanwa burundu ku kazi

Umukozi wirukanywe burundu ku kazi ahita ashirwa ku rutonde rw'abatemerewe gushaka akazi cyangwa gushyirwa mu mwanya w'akazi mu Butegetsi bwa Leta.

Urutonde ruvugwa mu gika kibanziriza iki rukorwa kandi rushyirwaho amakuru ajyanye n'igihe na Minisiteri ishinzwe abakozi ba Leta ifatanije na Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta.

Ingingo ya 28: Ubwishyu mu gihe cy'igihano kijyanye n'ikosa ryo kwangiza cyangwa guta igikoresho

Umukozi wahawe igihano kubera ko yangije cyangwa yataye igikoresho cy'akazi ahabwa igihano nk'uko biteganywa n'iri teka kandi akishyura Urwego akorera amafaranga angana n'agaciro k'icyangijwe cyangwa icyatawe.

Ingano y'amafaranga umukozi wahanwe agomba kwishyura muri icyo gihe igaragazwa mu ibaruwa imumenyeshya igihano.

Ingingo ya 29: Uburyo bwo guhana impurirane y'amakosa yo mu kazi

Iyo umukozi wa Leta agaragaweho amakosa yo mu kazi y'uruhurirane akomotse ku gikorwa

Article 27: Modalities concerning the sanction of dismissal

A public servant dismissed from the public service shall be registered on a black list for public servants prohibited from recruitment into the Public Service.

The black list of public servants shall be kept and updated as considered necessary by the Ministry in charge of public service in conjunction with the Public Service Commission.

Article 28: Compensation in case of disciplinary sanction based on the loss or damage of office equipment

In appropriate cases, in addition to any sanction imposed in accordance with the provisions of this Order, a public servant shall be ordered to compensate the institution for a loss sustained to the institution if the sanction imposed on him/her was based on the loss or damage of office equipment.

The amount to be paid to compensate the damage shall be determined by the letter of sanction.

Article 29: Modalities of imposing a sanction in case of concurrence of disciplinary faults

If a public servant would receive several sanctions as a result of one fact, he/she shall be

Article 27: Modalités liées à la sanction de révocation

L'agent de l'Etat révoqué de la Fonction Publique est enregistré sur la liste noire des agents de l'Etat interdits au recrutement dans la Fonction Publique.

La liste noire des agents de l'Etat est gardée et mis à jour chaque fois qu'il est nécessaire par le Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions en collaboration avec la Commission de la Fonction Publique.

Article 28: Remboursement en cas de sanction disciplinaire relative à la perte ou endommagement du matériel de travail

Un agent de l'Etat sanctionné pour suite à une faute relative à la perte ou endommagement du matériel du travail doit être puni conformément au présent arrêté et payer en argent la valeur du bien endommagé ou du matériel perdu.

Le montant à payer en termes de remboursement doit apparaître dans la lettre de sanction.

Article 29 : Modalités d'infliger une sanction en cas de concours de fautes disciplinaires

Lorsque, par un seul acte, un agent de l'Etat devrait encourir plusieurs sanctions

kimwe, ahabwa igihano kimwe gusa gisumba ibindi mu biteganyirijwe amakosa yakozwe.

imposed only the most severe sanction among sanctions provided for the concerned faults.

disciplinaires, il est infligé la sanction la plus sévère parmi toutes les sanctions qui étaient prévues pour les fautes commises.

Ingingo 30: Uburyo bwo guhana umukozi watijwe indi serivisi ya Leta

Article 30: Modalities of sanctioning a public servant placed at another administration's disposal

Article 30: Modalités de sanction d'un agent de l'Etat mis à la disposition d'un autre service

Umukozi watijwe indi serivisi ya Leta ubonetseho ikosa akurikiranwa kandi agahanwa hakurikijwe amategeko y'urwego yaturutsemo.

Where a public servant placed at another administration's disposal is found guilty of a disciplinary fault, he/she shall be sanctioned in accordance with the laws of his/her institution of origin.

Lorsqu'un agent de l'Etat mis à la disposition d'un autre service est reconnu coupable d'une faute disciplinaire, sa faute est enquêtée et sanctionnée conformément aux lois qui régissent l'institution d'origine.

Iyo umukozi wavuzwe mu gika cya mbere k'iyi ngingo yabonetseho ikosa rigomba guhanishwa igihano cyo kwirukanwa burundu ku kazi, gukurikirana ikosa no kurihana bikorwa ku bufatanye bw'Urwego umukozi yashyizwemo n'urwego yaturutsemo.

Where the public servant referred to in Paragraph One of this Article is found guilty of a disciplinary fault which should be sanctioned by dismissal, the disciplinary proceedings shall be carried out and the sanction imposed, upon collaboration between the institution where he/she is placed and his/her institution of origin.

Lorsque l'agent de l'Etat mentionné à l'alinéa premier du présent article est coupable d'une faute disciplinaire qui doit être sanctionnée par la révocation, la poursuite disciplinaire est faite et la sanction imposée, en collaboration entre l'institution qui l'a reçu à sa disposition et son institution d'origine.

Icyiciro cya 5: Ubujurire mu nzego z'ubuyobozi no kuregera inkiko

Section 5: Administrative appeal and filing a case in court

Section 5: Recours administratif et juridictionnel

Ingingo ya 31: Uburenganzira bwo kujurira

Article 31: Right to appeal

Article 31: Droit de recours

Umukozi wa Leta utishimiye igihano yahawe mu rwego rw'akazi, afite uburenganzira bwo kujuririra inzego z'ubuyobozi.

A public servant who is not satisfied with a disciplinary sanction imposed against him/her shall be entitled to the right to administrative appeal.

Un agent de l'Etat qui s'estime lésé par la sanction disciplinaire lui infligée a le droit d'introduire un recours administratif.

Ingingo ya 32: Gusaba umuyobozi gusubira ku cyemezo cy'igihano yafashe

Mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi amenyeshejwe icyemezo yafatiwe, umukozi wahanwe iyo atishimiye igihano yahawe, ajuririra mu nyandiko ku rwego rwa mbere umuyobozi wamufatiye igihano, agahabwa igisubizo mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi uhereye umunsi ubujurire bwakiriwe n'umuyobozi wamufatiye igihano.

Ingingo ya 33: Kujuririra Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta

Iyo icyemezo cy'umuyobozi wahanywe umukozi ku bujurire yagejweho kitanyuze umukozi, umukozi wahanwe ajuririra Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta, mu rwego rwa nyuma, mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye ku munsi yaherewe igisubizo. Komisiyo itanga umwanzuro mu gihe kitarenze iminsi mironko itandatu (60) y'ingengaminsi. Icyemezo cya Komisiyo ntikijuririrwa mu rundi rwego rw'ubuyobozi.

Abakozi ba Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta bajuririra ku rwego rwa mbere n'urwa nyuma Inama y'Abakomiseri ya Komisiyo.

Article 32: Request to the authority that imposed the sanction for review of the decision

If a public servant is not satisfied with a disciplinary sanction imposed against him/her, he/she may introduce a written appeal, in the first instance, to the authority that imposed the sanction in a period not exceeding five (5) working days from the date he/she was notified of the disciplinary sanction, and the answer to his/her appeal shall be notified in a period not exceeding fifteen (15) working days from the date the authority that imposed the sanction received the appeal request.

Article 33: Appealing to the Public Service Commission

When the public servant is not satisfied with the decision on appeal taken by the authority that imposed the sanction, he/she may introduce an appeal to the Public Service Commission in the period not exceeding five (5) working days from the time he/she was notified of the answer of his/her first appeal. The Commission shall take a decision in a period not exceeding sixty (60) calendar days. The decision of the Commission is not subject to any other administrative appeal.

Staff members of the Public Service Commission shall appeal in first and last instance to the Council of Commissioners of the Commission.

Article 32: Recours gracieux contre la décision de sanction

Lorsque l'agent de l'Etat n'est pas satisfait de la décision de sanction disciplinaire prise en son contre, il peut introduire par écrit un recours au premier degré auprès de l'autorité qui a imposé la sanction, dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours ouvrables à partir de la notification de la décision à l'intéressé et la réponse lui est communiquée dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours ouvrables à partir de la réception de la lettre de recours par l'autorité qui a imposé la sanction.

Article 33: Recours hiérarchique devant la Commission de la Fonction Publique

Lorsque l'agent de l'Etat n'est pas satisfait de la décision prise sur le recours gracieux, il peut introduire le recours hiérarchique devant la Commission de la Fonction Publique dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours ouvrables à partir de la date de notification de la réponse. La Commission prend la décision dans un délai ne dépassant pas soixante jours (60) jours calendrier. La décision de la Commission n'est susceptible d'aucun autre recours administratif.

Les agents de la Commission de la Fonction Publique introduisent leur recours au premier et deuxième degré devant le Conseil des Commissaires de la Commission.

Ingingo ya 34: Kuregera inkiko

Umukozi wa Leta utanyuzwe n'icyemezo cy'umuyobozi yajuririye ku rwego rwa nyuma, ashobora gutanga ikirego cye mu rukiko rubifitiye ububasha hakurikijwe amategeko abigenga.

UMUTWE WA V: GUHANAGURWAHO UBUSEMBWA N'UBUZIME BW'IKOSARYO MU KAZI

Ingingo ya 35: Ihanagurabusembwa

Nyuma yo guhanwa, umukozi ashobora gusaba mu nyandiko umuyobozi wamuhaye igihano, guhanagurwaho ubusembwa.

Ingingo ya 36: Umuyobozi ufite ububasha bwo gutanga ihanagurabusembwa

Ihanagurabusembwa ritangwa n'umuyobozi watanze igihano amaze kubigirwaho inama n'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa iyo igihano gisabirwa ihanagurabusembwa ari icyo mu rwego rwa mbere. Ku bihano byo mu rwego rwa kabiri, umuyobozi watanze igihano abanza kugisha inama Minisitiri mbere yo gufata umwanzuro kw'ihanagurabusembwa.

Ingingo ya 37: Ibyubahirizwa mu gutanga ihanagurabusembwa

Ihanagurabusembwa rishobora kwemerwa iyo hari ibimenyetso bifatika byerekana ko umukozi nyuma yo guhanwa yisubiyeho kandi akarangwa

Article 34: Filing a case in court

A public servant who is not satisfied with a decision of an authority to which the appeal was lodged at last instance may file the case to the competent court in accordance with relevant laws.

CHAPTER V: REHABILITATION AND PRESCRIPTION OF A DISCIPLINARY FAULT

Article 35: Rehabilitation

After a sanction, the concerned public servant may request to the authority who imposed the sanction, for a rehabilitation.

Article 36: Competent authority to grant rehabilitation

Rehabilitation shall be granted by the authority that imposed the sanction after consultation with the internal disciplinary committee for sanctions of the first category. For sanctions of the second category a decision on rehabilitation shall be taken by the authority that imposed the sanction after consultation with the Minister.

Article 37: Requirements to grant rehabilitation

Rehabilitation may be granted if there are sufficient proofs that, after the sanction, the concerned public servant has demonstrated

Article 34: Recours juridictionnel

L'agent de l'Etat qui n'est pas satisfait de la décision de l'autorité auprès de laquelle le recours a été introduit au dernier degré peut saisir la juridiction compétente conformément aux lois en la matière.

CHAPITRE V: REHABILITATION ET PRESCRIPTION D'UNE FAUTE DISCIPLINAIRE

Article 35: Réhabilitation

Après la sanction, l'agent de l'Etat concerné peut demander la réhabilitation à l'autorité qui a infligé la sanction.

Article 36: Autorité compétente pour accorder une réhabilitation

La réhabilitation est accordée par l'autorité qui a imposé la sanction après examen de l'avis consultatif émis par le Comité interne de discipline pour les sanctions de la première catégorie. Pour les sanctions de la deuxième catégorie la décision sur la réhabilitation est prise par l'autorité qui a imposé la sanction après examen de l'avis émis par le Ministre.

Article 37: Conditions pour accorder une réhabilitation

La réhabilitation peut être accordée s'il y a des preuves tangibles qu'après la sanction, l'agent de l'Etat concerné s'est repenti et a fait preuve

Official Gazette n° Special of 06/03/2014

n'imyitwarire myiza.

remorse and good behavior.

d'un bon comportement.

Ihanagurabusembwa ku bihano byo mu rwego rwa mbere rishoboka ari uko hashize nibura imyaka itatu (3) umukozi ahawe igihano.

For the sanctions of the first category, rehabilitation may be granted only after three (3) years from the date on which the sanction was imposed.

Pour les sanctions de la première catégorie, la réhabilitation ne peut être accordée qu'après trois (3) ans à partir de la date à laquelle la sanction a été imposée.

Ihanagurabusembwa ku bihano byo mu rwego rwa kabiri rishoboka ari uko hashize nibura imyaka irindwi (7) umukozi ahawe igihano.

For the sanctions of the second category, rehabilitation may be granted only after seven (7) years from the date on which the sanction was imposed.

Pour les sanctions de la deuxième catégorie, la réhabilitation ne peut être accordée qu'après sept (7) ans à partir de la date à laquelle la sanction a été imposée.

Ingingo ya 38: Uburenganzira bukomoka ku ihanagurabusembwa

Article 38: Rights established by rehabilitation

Article 38: Droits établis par la réhabilitation

Ihanagurabusembwa ryerekeye igihano kitari ukwirukanwa burundu rituma uwarihawe agira uburenganzira bw'umukozi wa Leta utarahawe igihano ihanagurabusembwa rireba.

Rehabilitation for a sanction other than dismissal shall cause the beneficiary to be entitled to rights of a public servant who did not face the sanction on which such rehabilitation is related to.

La réhabilitation en relation avec une sanction autre que la révocation pourvoit le bénéficiaire des droits d'un agent de l'Etat qui n'a encouru la sanction à laquelle se rapporte cette réhabilitation.

Ihanagurabusembwa ryerekeye igihano cyo kwirukanwa burundu, rituma uwarihawe yongera kugira uburenganzira bwo kuba yakongera kuba umukozi wa Leta binyuze mu ipiganwa cyangwa mu gushyirwaho.

When rehabilitation is related to a sanction of dismissal, the beneficiary shall regain rights of rejoining the public service through recruitment or appointment.

Lorsque la réhabilitation est basée sur la sanction de révocation, le bénéficiaire recouvre les droits de pouvoir redevenir agent de l'Etat à travers le recrutement ou la nomination.

Uburenganzira bukomoka ku ihanagurabusembwa buvugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo bugira agaciro uherye umunsi ihanagurabusembwa ryatangiye.

The rights established by rehabilitation referred to in the Paragraphs One and 2 of this Article shall take effect from the date the rehabilitation is granted.

Les droits résultant de la réhabilitation dont mention est faite aux alinéas premier et 2 du présent arrêté prennent effet à partir du jour où la réhabilitation est accordée.

Ibaruwa y'ihanagurabusembwa ibikwa muri dosiye y'umukozi.

The letter of rehabilitation shall be kept in the public servant's file.

La lettre de réhabilitation est gardée dans le dossier administratif de l'agent de l'Etat concerné.

Ingingo ya 39: Ubusaze bw'ikosa ryo mu kazi

Iyo ikosa ridahanwe hagashira umwaka umwe (1) ku ikosa rihanishwa igihano cyo mu rwego rwa mbere, cyangwa imyaka ibiri (2) ku ikosa rihanishwa igihano cyo mu rwego rwa kabiri, iryo kosa ntiriba rigihanwe.

Igihe kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gitangira kuburwa uherye igihe umuyobozi ubifitiye ububasha yamenyeye iryo kosa.

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 40: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Minisitiri w'Intebe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo basabwe kubahiriza iri teka.

Ingingo ya 41: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri zinyuranyije na ryo zivanweho.

Ingingo ya 42: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 39: Prescription of a disciplinary fault

When a period of one (1) or two (2) years elapses respectively for a disciplinary fault sanctioned by a sanction of the first category and the one by a sanction of the second category without imposing sanction, such a disciplinary fault shall not be punished.

The period of time specified in Paragraph One of this Article shall start from the date the competent authority became aware of the occurrence of the fault.

CHAPTER VI: FINAL PROVISION

Article 40: Authorities responsible for the implementation of this Order

The Prime Minister and the Minister of Public Service and Labour are entrusted with the implementation of this Order.

Article 41: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 42: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 39: Prescription de la faute disciplinaire

Lorsqu'un délai d'une (1) année ou deux (2) ans s'écoule respectivement pour une faute disciplinaire passible d'une sanction de la première catégorie et celle passible d'une sanction de la deuxième catégorie sans qu'une sanction ait été encourue, la faute disciplinaire n'est plus à mesure d'être sanctionnée.

Le délai spécifié à l'alinéa premier du présent article est compté à partir de la date à laquelle l'autorité compétente a eu connaissance de la faute.

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES

Article 40: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Premier Ministre et le Ministre de la Fonction Publique et du Travail sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Article 41: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 42: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Official Gazette n° Special of 06/03/2014

Kigali, ku wa **04/03/2014**

Kigali, on **04/03/2014**

Kigali, le **04/03/2014**

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repbulika

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux